**Kinyarwanda**

**PK**

**22/10/2014 01.30-03.30PM**

**Inomeroyuzuyey'umunyeshuri**

| *Intara/Umujyi* | *Akarere* | *Umurenge* | *Ishuri* | *Umunyeshuri* |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**Amazina y'umunyeshuri**

**Izina ryawe bwite:**........................................................................

**Andi mazina yawe:**........................................................................

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE **BIGOMBA** KUGARAGARA NK'UKO BYANDITSWE KURI "REGISTRATION FORM"

Rwanda Education Board

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA, 2014

## KINYARWANDA

**Igihe kimara: amasaha abiri**

**Amanota:** /100

**AMABWIRIZA :**

1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2) Iki kizamini kigizwe n'ibibazo 25 byanditswe ku mapaji 8. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose ahari.
3) Ikizamini kigizwe n'ibice bibiri:
   - Igice cya mbere: Umwandiko n'imiterere y'ururimi **(amanota 85)**
   - Igice cya kabiri: ihangamwandiko **(amanota 15)**
4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
6) Birabujijwe kugaragaza izina ryawe cyangwa iry'ikigo wigaho ahatabugenewe.
7) Ukurikize amabwiriza ari ku bibazo.

[redacted]

## Ibishanga mu Rwanda

Mu Rwanda hari amoko atatu y'ibishanga: ibishanga bikomye, ibishanga bikoreshwa habanje gufatwa imigambi yo kubirengera, n'ibishanga byakoreshwa nta kibazo. Muri byo Kamiranzovu, u Rugezi n'Akagera ntibyemerewe guhingwamo.

Dogiteri Roza Mukankomeje, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibidukikije (Rwanda Environment Management Authority), REMA mu magambo ahinnye, mu gihe hizihizwaga umunsi mpuzamahanga w'ibishanga, yagize ati "Ibishanga bitagira ibikorerwamo na mba bikomye ni igishanga cy'u Rugezi, icya Kamiranzovu n'icy'Akagera." Yongeyeho ko atari byo byonyine ariko ibi by'umwihariko ngo bigomba kuyungurura umwuka duhumeka ndetse n'amazi akoreshwa ku ngomero zitanga ingufu z'amashanyarazi. Ibyo bishanga kandi bigize urusobe rw'ibinyabuzima bitandukanye biba bikenewe mu buzima bwa buri munsi bw'umuntu.

Umuyobozi Mukuru wa REMA yavuze ko igishanga cy'u Rugezi kiri mu bikomye, kandi ko nta wemerewe kugihingamo. Impamvu akaba ari uko rimwe abaturage bigeze kugihingamo bigatuma umuriro w'amashanyarazi uba muke kuko amazi y'iki gishanga ari yo atanga urugomero rwa Ntaruka. Icyo gishanga kigeze kwangirika amashanyarazi arabura cyane; ariko Leta imaze kugisana arongera araboneka. Iki gishanga ni umutungo kamere ufitiye igihugu akamaro, bityo abagituriye kuri ubu ntibakigihinga kandi n'indi mirimo nk'iy'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro yakorerwagamo kera yarahagaritswe.

Icyo gishanga cy'u Rugezi, giherereye mu karere ka Burera, usanga gikungahaye ku rusobe rw'ibinyabuzima birimo ibyatsi bitohagiye, hakiberamo amoko y'inyoni yitwa inceberi zitaboneka ahandi ku isi kandi zikunzwe n'abakerarugendo.

Igishanga cya Kamiranzovu giherereye mu karere ka Nyamasheke hagati muri Pariki y'Igihugu ya Nyungwe. Ni igishanga kigira amoko menshi y'inyoni, gitanga amazi menshi arimo nayisuka mu y'isoko ya Nili. Kinafite ubukungu bwinshi burimo ingufu za nyiramugengeri. Iki gishanga gifite kandi ibinyabuzima bitandukanye birimo n'amoko y'indabo za orukide (orchidês) zikunzwe n'abakerarugendo.

Igishanga cy'Akagera kiri mu Burasirazuba bw'u Rwanda. Kigizwe n'urufunzo rwinshi n'ibindi bimera, usanga kibamo amoko menshi y'inyoni atemberamo akanagera muri Pariki y'Akagera, aho asurwa n'abakerarugendo. Iki gishanga gifite amazi yisuka mu Kagera kazubakwaho urugomero rwa Rusumo ruzatanga ingufu z'amashanyarazi.

**IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI** **(amanota 85)**

## I. KUMVA UMWANDIKO **(amanota 18)**

1. Ni ayahe moko y'ibishanga dufite mu Rwanda, hashingiwe ku buryo bikoreshwa? **(amanota 3)**

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................

2. Ni ibihe bishanga bitemerewe kugira ikindi bikorerwamo mu Rwanda? **(amanota 3)**

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................

3. REMA ivugwa muri uyu mwandiko ni iki? **(inota 1)**

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................

4. Erekana aho ibishanga by'u Rugezi na Kamiranzovu biherereye ugaragaza akarere n'intara. **(amanota 2)**

   **U Rugezi :** a) Akarere: ..........................................................

   b) Intara**:** ..........................................................

   **Kamiranzovu**: a) Akarere: ..................................................

   b) Intara: ..................................................

5. Tanga ingero ebyiri z'ibintu dusanga mu rusobe rw'ibinyabuzima. **(amanota 2)**

   a) ..........................................................................................

   b) ..........................................................................................

6. Ni iki cy'umwihariko igishanga cy'u Rugezi gifite ugererenyije n'ibindi bishanga bikomye? .......................................................... **(inota 1)**

7. Kimwe muri ibyo bishanga bikomye kigeze kwangirika. **(amanota 2)**

   a) Icyo gishanga ni ikihe? ..........................................................

   b) Ingaruka byateye ni izihe? ..........................................................

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................

8. Garagaza ukuntu ibishanga biramutse bifashwe neza byakwinjiza amadevize mu gihugu. **(inota 1)**

..................................................................................................

..................................................................................................

9. Subiza **"nibyo"** cyangwa **"sibyo"** ukurikije uyu mwandiko: **(amanota 3)**

a) Ibyatsi ntabwo biri mu bigize urusobe rw'ibinyabuzima. ☐

b) Igishanga cy'u Rugezi giherereye mu Burasirazuba bw'u Rwanda. ☐

c) Indabo za orukide ziboneka muri Nyungwe. ☐

**II. INYUNGURAMAGAMBO** **(amanota 17)**

10. **Simbuza amagambo ari mu dukubo andi bisobanura kimwe ari mu mwandiko.** **(amanota 5)**

a) Ibi bishanga (bikize) ku rusobe rw'ibinyabuzima.

**bikize:**..................................................................................................

b) U Rugezi ni kimwe mu bishanga (bitemerewe kugira ikibikorerwamo).

**bitemerewe kugira ikibikorerwamo**: ..............................................

c) Igishanga cy'u Rugezi kigeze (kononekara) biteza ikibazo mu gihugu.

**kononekara**: ..................................................................................

d) Leta y'u Rwanda yafashe (ingamba) zo kurengera ibidukikije.

**ingamba:** ......................................................................................

e) Kamiranzovu ni igishanga (kiri) mu Karere ka Nyamasheke.

**kiri** : ...........................................................................................

11. **Garagaza inyito eshatu zitandukanye z'ijambo "gusoma" wifashishije interuro ngufi imwe kuri buri nyito.** **(amanota 3)**

a) ..................................................................................................

b) ..................................................................................................

c) ..................................................................................................

12. **Tanga amazina aturuka kuri izi nshinga: (izina 1 kuri buri nshinga)**

**(amanota 2)**

a) guhinga: .........................................................................................

b) kuyungurura: ...................................................................................

13. **Tanga inshinga (imbundo) zikomoka kuri aya mazina:** **(amanota 2)**

a) **umuyobozi**: ..........................................................................

b) **umutungo:**..........................................................................

14. **Andika imbusane z'amagambo ari mu dukubo:** **(amanota 5)**

a) Ibishanga (bitagira) ibibikorerwamo (na mba) biba (bikomye).

- **bitagira** ≠..........................................................................
- **na mba** ≠..........................................................................
- **bikomye** ≠..........................................................................

b) Ibishanga (bikungahaye) ku binyabuzima (bikurura) abakerarugendo.

- **bikungahaye** ≠ ..........................................................................
- **bikurura**≠..........................................................................

## III. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI **(amanota 12)**

15. **Uzuza iyi migani y'imigenurano:** **(amanota 4)**

a) Umwana ...................................................inyoni itaribwa.

b) .................................................. ntikaboneka mu isakara.

c) Uburere ............................................ ubuvuke.

d) Utazi umukungu ..........................................................

16. **Subiza ibisakuzo bikurikira:** **(amanota 4)**

a) Abana banjye babyina bose: ..................................................

b) Nshinze umwe ndasakara: ..................................................

c) Zenguruka duhure: ..................................................

d) Aka kariza so: ..................................................

17. **Huza ibisobanura kimwe:** **(amanota 4)**

| | |
|---|---|
| a) Kurabukwa | kwiterera mu mata nk'isazi. |
| b) Kugwa agacuho | kwihangana. |
| c) Kwivanga mu bitakureba | guca iryera. |
| d) Gukomeza umutsi | kunanirwa cyane. |

## IV. IKESHAMVUGO **(amanota 4)**

18. **Simbuza amagambo ari mu dukubo amagambo yabugenewe:** **(amanota 4)**

a) (Mushiki wa data) atuye mu Mayaga.

**mushiki wa data:** ..........................................................................

b) Zana (agati bavurugisha amata) tuvuruge aya mata mbere yo kuyanywa.

**agati bavurugisha amata:**..........................................................................

c) (Abavuzi b'ingoma) barabaza imirishyo.

**abavuzi b'ingoma:** .......................................................................................

d) Umwami arimo (gutembera) mu gihugu cye.

**gutembera**: .......................................................................................

**V. IKIBONEZAMVUGO** **(amanota 28)**

19. **Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo:** **(amanota 8)**

a) Mu Rwanda hari amoko atatu y'ibishanga.

**Rwanda**: .......................................................................................

**atatu** :.......................................................................................

b) Ibyo bishanga bitanga amazi menshi mu gihugu.

**ibyo:** .......................................................................................

**menshi:** .......................................................................................

c) Igishanga cy'u Rugezi kimaze gusanwa amashanyarazi yariyongereye.

**gusanwa**: .......................................................................................

**yariyongereye**: .......................................................................................

d) Ibidukikije bikwiye kwitabwaho cyane.

**ibidukikije:** .......................................................................................

**cyane:** .......................................................................................

20. **Garagaza uturemajambo tw'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe:** **(amanota 8)**

a) Imyenda itaraza Abanyarwanda bambaraga impu.

**impu**: .......................................................................................

b) Akagera, Mukungwa na Nyabarongo ni inzuzi ziboneka mu Rwanda.

**inzuzi:** .......................................................................................

c) Inzovu zahoze mu gishanga cya Kamiranzovu zarazimiye.

21. **Andika inteko z'amagambo aciyeho akarongo:** **(amanota 5)**

a) Ibishanga bifitiye igihugu akamaro kanini.

**ibishanga**: .......................................................................................

**akamaro**: .......................................................................................

b) Inzovu ngo yaba yararigise mu gishanga cya Kamiranzovu, akaba ariho iryo zina ryakomotse.

**Inzovu**: .......................................................................................

**(i)zina** : .......................................................................................

c) Dukenera amazi mu buzima bwa buri munsi.

**amazi**: .......................................................................................

22. **Andika imimaro y'amagambo aciyeho akarongo:** **(amanota 3)**

a) Gahigi ababonye ati "baratashye abanyeshuri."

**Ababonye:** ................................................................................

**Abanyeshuri:** ..........................................................................

b) Abanyeshuri bakoze ikizamini cya Leta.

**ikizamini:** ................................................................................

23. **Andika amagambo akurikira ugaragaza ubutinde n'amasaku:(amanota 5)**

a) amoko:→..........................................................................................

b) imigambi:→ ......................................................................................

c) ibishanga: →...................................................................................

d) urusobe: →......................................................................................

e) urugomero: → ................................................................................

**VI. IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA** **(amanota 6)**

24. **Kosora izi nteruro aho zanditse nabi:** **(amanota 6)**

a) Yaramubwiye ati uzansange i muhira ejo bundi ni mugoroba.

..........................................................................................................................

b) Murugo bose ni bazima nta we urwaye.

..........................................................................................................................

**IGICE CYA KABIRI: IHANGAMWANDIKO** **(amanota 15)**

25. Tanga itangazo ryo kurangisha umwana watoraguye mu muhanda yaburanye n'ababyeyi be akaba amaze icyumweru mu rugo iwanyu. Utange itangazo mu mazina ya Hirwa Yohani ugaragaza amakuru yose yerekana uko ababyeyi be bamubona.